**AMABWIRIZA YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA N$^{O}$ 001/2025 YO KU WA 05/02/2025 AHINDURA AMABWIRIZA YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA N$^{O}$ 001/2022 YO KU WA 01/03/2022 AGENGA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE ISHINZWE KURWANYA RUSWA MU RWEGO RW'UBUCAMANZA**

Perezida w'Urukiko rw'lkirenga;

Ashingiye ku Itegeko nº 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, agace 4;

Asubiye ku Mabwiriza nº 001/2022 yo ku wa 01/03/2022 agenga imiterere n'imikorere bya komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Abagize komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko n'uko bashyirwaho**

Ingingo ya 5 y'Amabwiriza n$^{O}$ 001/2022 yo ku wa 01/03/2022 agenga imiterere n'imikorere bya komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza ihinduwe ku buryo bukurikira:

(1) Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire igizwe n'abakozi babiri (2) b'Urukiko rw'Ikirenga bagengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko, bashyirwaho na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ; abakozi babiri (2) b'Urukiko rw'Ubujurire bagengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko, bashyirwaho na Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire; Umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'lkirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'lkirenga; umukozi uhagarariye abandi bakozi bagengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko, ugenwa n'Umugenzuzi Mukuru w'lnkiko.

(2) Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru, icyicaro gikuru, n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo igizwe n'umucamanza cyangwa umwanditsi uhagarariye Urukiko Rukuru, icyicaro gikuru, buri Rukiko Rwisumbuye na buri Rukiko rw'lbanze rukorera muri iyo fasi, bagenwa na Perezida w'urukiko bahagarariye; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'lkirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'lkirenga.

(3) Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rwa buri rugereko rw'Urukiko Rukuru n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo igizwe n'umucamanza cyangwa umwanditsi uhagarariye urugereko rw'Urukiko Rukuru, buri Rukiko Rwisumbuye na buri Rukiko rw'lbanze rukorera muri iyo fasi, bagenwa na Perezida w' Urukiko bahagarariye; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'lkirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'lkirenga.

(4) Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko rw'Ubucuruzi igizwe n'umucamanza n'umwanditsi b' Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi, bagenwa na Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi; umucamanza n'umwanditsi b'Urukiko rw'Ubucuruzi, bagenwa na Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'lkirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'lkirenga.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Gutangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono na Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga akaba na Perezida w’Inama Nkuru y’Ubucamanza.

**Kigali, ku wa 05/02/2025**.



Digitally signed by
SC(Chief Justice)
Date: 2025.02.05
13:39:47 +02'00'

**MUKANTAGANZWA Domitilla**

**Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga akaba na**
**Perezida w’Inama Nkuru y’Ubucamanza**